**Ikinyarwanda**

**PK**

**05/11/2019**

**1:30PM – 3:30PM**

**Rwanda Education Board**

**Inomero yuzuye y'umunyeshuri**

*Intara/ Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri* | *Umunyeshuri* | *Umwaka*

**Amazina y'umunyeshuri:**

**Izina ryawe bwite:**.........................................................

**Andi mazina yawe:** .........................................................

**Ikitonderwa:**

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BIGARAGARA KURI "REGISTRATION FORM".

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA 2019

## IKINYARWANDA

**Igihe kimara: Amasaha abiri (2h00)**

**Amanota:** **/100**

**Amabwiriza:**

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'**ibibazo 25**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose yuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

   - **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 26)**
   - **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 23)**
   - **Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 36)**
   - **Igice cya kane: Ihangamwandiko (amanota 15)**

4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6. Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
7. Ukurikize amabwiriza ari ku bibazo.
8. Koresha gusa ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara**.

## INSHUTI IRUTA INSHURO

Mu mateka yose y'abantu, ikinyejana cya makumyabiri cyabaye kimwe mu byitaye cyane ku mutungo wa buri muntu ku giti ke. Gukunda ibintu ndetse akenshi bisimbura gukunda umuntu. Dore nk'ubu mu rwego rwa gisirikare, barashakashaka intwaro yakwica abantu itononnye umutungo wabo cyangwa ibikoresho bindi, ushyizemo n'iby'intambara.

Nyamara ariko abigunze kimwe n'abadashaka kwikoza bagenzi babo ubona bahora bijimye. Naho kugira inshuti nyayo byo ntacyo umuntu yabigurana: ni ubutunzi bukomeye cyane. Ese hari uwahakana ko gukorana umurimo n'agacuti kawe binezeza? Cyangwa se nanone kugira ibyago, agahinda cyangwa se amakuba, ukabura inshuti ihagoboka, byo si akandi kaga katavugwa?

Ntawarondora akamaro inshuti ishobora kutugirira. Iyo turi mu byago iradutabara. Iyo tugiye kugwa mu kaga iratuburira, ikamera nk'iduciriye akanzu. Iyo twapfushije iraduhambira, ikadufata mu mugongo, ikanatuyagira. N'ubwo muri iki gihe usanga abantu benshi bifuza kwigizayo abandi aho kubisunga, inshuti nyazo ziracyariho, ariko zisigaye zibarirwa ku mitwe y'intoki.

Ubwo se ni iki kibuza abantu kuba inshuti? Biterwa na byinshi : Icyakora twavuga ahanini ko ari ugukunda bikabije ibintu, ukwikunda ubwawe, ukugirana amahari n'umwete muke wo gushaka inshuti. Kugira ngo tugire inshuti rero, tugomba kwiyambura izo ngeso, maze mbere na mbere tukabera bagenzi bacu inshuti koko. Ubucuti bushingiye ku bintu, ku mafaranga, ku tugambo twiza, ni amahuriranzira. Inshuti nyayo ntireshywa n'ibintu, ahubwo ishimishwa n'umuntu n'imico ye, usangamo kubana n'abandi, kububaha, kubitaho bivuye ku mutima no guharanira icyatuma umutekano wabo usugira.

Mbere yo guhitamo inshuti, dukwiye kumenya uko iteye kugira ngo tutazicuza kuba twariyujuje n'umunyangesombi akazazitwanduza, akadutaba mu nama, akadutera amagorwa. Niba inshuti yacu ari umuntu

ushyira mu gaciro, uvugisha ukuri, uducyaha twakoze ikosa, uwo ni inshuti y'amagara, irushije agaciro zahabu na diyama, dore ko ngo ari yo mabuye y'agaciro gahanitse. Nguko rero uko Umunyarwanda yabivuze : « Inshuti iruta inshuro. »

## IGICE CYA MBERE : KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

**(amanota 26)**

1) Ubu turi mu kinyejana cya kangahe ? **(inota 1)**

............................................................................................................

2) Ugendeye ku mwandiko ni ubuhe bushakashatsi bwageragejwe gukorwa mu rwego rwa gisirikare? **(amanota 2)**

............................................................................................................

............................................................................................................

3) Erekana akamaro gatandukanye k'inshuti kavugwa muri uyu mwandiko. (Byibuze ingero eshatu) **(amanota 3)**

............................................................................................................

............................................................................................................

............................................................................................................

4) Garagaza ibintu bitatu bikunze kubuza abantu kuba inshuti.

**(amanota 3)**

............................................................................................................

............................................................................................................

............................................................................................................

5) Usanga ari iyihe mpamvu hashakishwa intwaro yakwica abantu ariko itangije imitungo yabo ? **(inota 1)**

............................................................................................................

............................................................................................................

6) Ugendeye ku mwandiko ubona ari iki twakora kugira ngo tugire inshuti nyazo ? **(inota 1)**

..........................................................................................

7) Ni iki dukwiye gukora mbere yo guhitamo inshuti tugendeye ku mwandiko? **(amanota 2)**

..........................................................................................

..........................................................................................

8) Garagaza ibintu bitatu wagenderaho uhitamo inshuti nziza. **(amanota 3)**

..........................................................................................

..........................................................................................

..........................................................................................

9) Simbuza amagambo aciyeho umurongo andi bisobanura kimwe dusanga mu mwandiko. **(amanota 5)**

(a) Tugeze iwabo twasanze batishimye kubera ibibazo bamaranye iminsi.

..........................................................................................

(b) Imvura yaguye ari nyinshi ku bw'amahirwe yahise itangije imyaka y'abaturage.

..........................................................................................

(c) Burya koko babivuze ukuri ko inshuti nyakuri igaragarira mu byago.

..........................................................................................

(d) Biragoye kugira ngo ibyo umuntu atunze abe yabisimbuza ibindi mu gihe gito.

..........................................................................................

(e) Mu buzima busanzwe inyangamugayo ntikururwa n'ibibonetse byose.

..........................................................................................

10) Vuga niba ari byo cyangwa atari byo ukurikije umwandiko (***ni byo / si byo***) **(amanota 5)**

(a) Abigunze n'abadashaka kwikoza abandi usanga bahora bishimye.

(b) Iyo tugiye kugwa mu kaga inshuti iratuburira.

(c) Abantu ntibakigira inshuti kubera kwihugiraho ubwabo.

(d) Kugira ibyago hakabura uhagoboka nta kibazo kirimo.

(e) Muri iki gihe usanga abantu benshi bifuza kwisunga bagenzi babo.

## IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO (amanota 23)

11) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo : **(amanota 4)**

(a) Iwabo wa ba Gatera bejeje ibishyimbo.

(b) Ahageze ati : « Yooo !!! Byarangiye kare ! »

(c) Mu kanya twumva ngo : « Tiku ! », turebye dusanga agaramye hasi.

12) Amagambo aciyeho umurongo ari mu zihe nteko ? **(amanota 5)**

(a) Ikinyejana cya makumyabiri cyaranzwe n'intambara nyinshi.

(b) Uguhiga ubutwari muratabarana.

(c) Inshuti nyayo ishimishwa n'umuntu n'imico ye.

........................................................................................................

........................................................................................................

13) Tanga urugero rw'interuro ngufi kuri buri bwoko : **(amanota 4)**

(a) Interuro ibaza

........................................................................................................

(b) Interuro ihamya

........................................................................................................

(c) Interuro itangara

........................................................................................................

(d) Interuro itegeka

........................................................................................................

14) Shyira iyi nteruro mu bindi bihe bikuru by'inshinga : **(amanota 2)**

*Aba banyeshuri baraganira n'inshuti zabo.*

........................................................................................................

........................................................................................................

15) Shyira izi nteruro mu ngiro zikurikira: **(amanota 3)**

(a) Inzu irubakwa n'abafundi. Shyira mu **ngiro nkora**

........................................................................................................

(b) Abanyeshuri barakora ikizamini. Shyira mu **ngiro ntega**

........................................................................................................

(c) Umwarimu arigisha Ikinyarwanda. Shyira mu **ngiro ngaruka**

........................................................................................................

16) Tanga imbusane z'amagambo aciyeho umurongo dusanga mu mwandiko : **(amanota 5)**

(a) Gukunda ibintu cyane akenshi bishobora guteza ibibazo.

..............................................................................................................

..............................................................................................................

(b) Inshuti nyayo iradutabara iyo turi mu kaga.

..............................................................................................................

..............................................................................................................

(c) Ntawarondora akamaro inshuti ishobora kutugirira.

..............................................................................................................

..............................................................................................................

**IGICE CYA GATATU : UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 36)**

17) Andika ibintu bitatu (3) biranga umugani muremure **(amanota 3)**

..............................................................................................................

..............................................................................................................

..............................................................................................................

18) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwe sakwe ! **(amanota 5)**

(a) Twavamo umwe ntitwarya !

..............................................................................................................

(b) Ngeze mu rutoki abasirikare baramfata!

..............................................................................................................

(c) Abana b'umwami bicaye ku ntebe imwe!

..............................................................................................................

(d) Ni iki cyatanze umuzungu kwambara karuvati!

..............................................................................................................

(e) Umwana wange yirirwa agenda akarara agenda!

..............................................................................................................

19) Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira : **(amanota 5)**

(a) .................................................................... ni impongo.

(b) Agahwa kari ....................................................................

(c) .................................................................... karushya ihamagara.

(d) Umwanzi agucira akobo ....................................................................

(e) .................................................................... ntibwira umugenzi.

20) Uzuza ukoresheje amagambo asobanura kimwe n'ayatanzwe :

**(amanota 5)**

(a) Igikeri ntikivuga ahubwo ....................................................................

(b) Umugore w'umwami bamwita ....................................................................

(c) Amashyi menshi bayita ....................................................................

(d) Intaho y'impyisi yitwa ....................................................................

(e) Ntibavuga ihene nyinshi bavuga ....................................................................

21) Tanga urugero rw'amagambo atatu y'imvugwakimwe: **(amanota 3)**

..............................................................................................................

..............................................................................................................

22) Muri aka kandiko gakurikira, izina « ***Kagabo*** » risimbuze « ***abana*** » ukandukure usanisha mu buryo bukwiye : **(amanota 7)**

*Kagabo yavuye imuhira agiye kuvoma. Mu nzira ahura n'umusaza aramubaza ati : « Wa mwana we ugiye he ? » Aramusubiza ati : « Ngiye kuzanira umubyeyi wange amazi yo guteka. »*

............................................................................................................

............................................................................................................

............................................................................................................

23) Uzurisha buri nteruro ijambo uhisemo muri aya : **(amanota 5)**

***Kamena, Nzeri, iki, umuhindo, impeshyi***

(a) ...................... ubusanzwe utangira muri ...................... ukarangira mu Kuboza.

(b) ................ bita nanone ................ irangwa n'izuba ryinshi igatangira muri ..........

24) Kosora izi nteruro aho zanditse nabi : **(amanota 3)**

(a) Aramubwira ati « nujya i buryo nzajya i bumoso. »

............................................................................................................

(b) Ni uko baragenda bageze imbere bahura ni mpyisi.

............................................................................................................

## IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

25) **Ikitonderwa** : Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose kuri iki kibazo k'ihangamwandiko.

Andika itangazo rirangisha ibyangombwa byawe byabuze, ugaragaza ibyo ari byo, uko byabuze n'uwabibona uko yabikugezaho. Wandike mu mazina ya GWIZA Mahoro utuye mu Karere ka Musave, Umurenge wa Hondi.

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

.......................................................................................................

..................................

Ipaji iriho ubusa